K0168762

| | |
|---|---|
| Identification | : RTLM N° 47 Of 02/03/94 (1ère partie) |
| | 0334 03/03/94 (1ère partie) |
| Duration | : 60 min. |
| Quality | : Good. |
| Transmission | : Radio RTLM. |
| Name of transcriber | : Gatimbiro Uwera Olga. |
| Date of transcription | : 11/10/99. |
| Name of file | : RTLM 0334. |
| Dictaphone | : Express Write Model 250-65n516525 |

K0168763

# RESUME DE LA CASSETTE N°0334.

**FACE A.**

* HITIMANA Noël fait la lecture de la lettre du ministre de l'enseignement primaire et secondaire monsieur Jean-Marie MBONIMPA.
* BEMERIKI Valérie précise que le FPR s'ingère dans les affaires du parti PL. Elle poursuit en disant que les habitants de Kigali qui ont fuit et quand ils reviennent c'est les hommes seulement qui rentrent.
* GAHIGI Gaspard et HITIMANA Noël commentent la lettre que Lando a adressée au Président de la République, et sur ses propos dans la réunion avec le Président de la République et les présidents des partis politiques à propos du partage des ministères.

**FACE B.**

* Suite du commentaire des deux journalistes.
* GAHIGI Gaspard et HITIMANA Noël font une analyse sur les candidatures présenties par le MDR.
* NKOMATI Emmanuel dit que le Rwanda n'attaque jamais mais qu'il est toujours agressé et quand il combat l'ennemi c'est par la tête qu'il commence.
* BEMERIKI Valérie parle de la réunion entre les deux premiers ministres et les présidents des partis FPR, PSD, PL, MDR-Power, PDC

Orateur : BEMERIKI. K0168764

...muragumya muganiririwe na HITIMANA Noheli nk'uko yabibabyiye afatanyije na BEMERIKI Valeriya. Kuri technique rero turi kumwe na wa mu jeune bahora bababwira witwa KAMANZI Lawurenti. Ndetse numvise yatangiye neza cyane kubera umuziki ushyushye, ushyushye rwose ya... ya... yabyutse adushyiriraho nkaba rero nsanga abantu bagomba kuba babyukijwe n'uwo muziki bamwe wenda bakumva batagumya kuryama bawumva bashaka kugira ngo bawutambe .

Nk'uko mubizi rero mu biganiro byacu tugenda tubagezaho amakuru, amakuru uko agenda aza tukagenda tuyabagezaho, tukareba ayerekeranye na politike muri rusange mu gihugu cyacu, tukarebera hamwe ibyerekeranye n'umutekano mbese n'andi makuru yose agenda atugeraho anyuranye, mbese tukaribuze no kongera kugaruka ee... ku bintu wenda ejo nshobora kuba narababwiye mu makuru byerekeranye n'abantu bagenda bahunga, ndetse nkaza kubagezaho n'abantu bifuza gutanga umusanzu ku bibazo igihugu cyacu kirimo muri iki gihe, ibyo byose rero turaza kugenda tubiganira hamwe ndetse hakaba hari n'abantu bagenda batwandikira bavuga bati "rwose turabashyigikiye, ahubwo twagira ngo mudutangarize ibi n'ibi mutubwirire abantu abanyepolitike bacu ibi n'ibi ko Abanyarwanda rwose barambiwe".

Ubu rero murumva ko i... iki gice cy'umunsi turibugumane tugenda tubagezaho amakuru menshi, muri ibyo byose kandi ntabwo turibuze kwibagirwa n'ubutumwa bw'abantu bose bakunda RTLM, bumva RTLM banyuza ubutumwa bwabo kuri iyo radiyo. Ntabwo rero turi buze kubibagirwa kuko haba hari amatangazo menshi, cyane cyane haba harimo n'ayo kubika, hakaba harimo ayo kumenyesha, ayo kwamamaza, ayo kurangisha. Ibyo byose rero turaza kugenda tubibagezaho....

Orateur : HITIMANA.

...kabanza mugashishoza, ukareba uti nka Ministre MBONIMPA niba rero e... Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini aribuze kuzamukomeza akamushyira... akamukomeza muri Ministeri ye y'Amashuri Mato n'Ayisumbuye byaba.. projet afite yazamwamamaza bigatuma wenda agira amanota menshi, amanota menshi kubera ko ibarwa ye yandikiye Monsieur le Directeur Général, Monsieur le Directeur (tous), Monsieurs le chef de Division (tous), hum, ku itariki ya makumyabiri

n'umunani z'ukwa kabiri muri mirongo cyenda na kane, e... numero 0800/1382, reka mbanze nyisome mu gifaransa kugira ngo abumva igifaransa bambyumve neza no mu kinyarwanda ndibuze kubivuga mu magambo make ; ati " afin d'assurer une meilleure préparation du deuxième projet sectorial..., sectoriel de l'éducation qui comme convenu avec la Banque Mondiale doit porter sur l'enseignement secondaire et dans le souci de mettre fin à certaines interrogations maintes fois exprimées par le service technique à ce sujet, j'ai l'honneur de vous faire part de quelques unes des orientations devant désormais guider les actions de notre département :

1. Pour renfoRcer davantage la formation générale et éviter une orientation précoce des élèves, il est institué en premier cycle de trois ans communs aux élèves de l'enseignement secondaire et qui sera uniquement consacré à la formation générale. Les exécutions éventuelles vous seront communiquées à temps utile.
2. L'orientation professionnelle dans l'enseignement secondaire se fera dorénavant à la fin du premier cycle pour mieux tenir compte des ponta... potentialités et des choix déliberés des élèves.
3. Etant donné l'institutionalisation de ce premier cycle et compte-tenu des contraintes économiques auxquelles le pays doit faire face, la carte scolaire de l'enseignement secondaire devra être repensée et prévoir trois types d'établissements. Des a...des atri... des a... établissements abritant uniquement le premier cycle, des établissements abritant uniquement le deuxième cycle et des établissements ayant les deux cycles à la fois.

La mise en application de ces mesures devant commencer avec l'année scolaire 94-95 , je demande au Directeur général de réunir dans les meilleurs délais les services directement concernés pour examiner ensemble toutes les modalités pratiques y relatives.
MBONIMPA Jean-Marie, Ministre de l'enseignement primaire et secondaire . Signé.

Murumva rero ibitekerezo by'uyu mu ministri njye ni... nabisomye, mbisomye nsanga ari... ari nk'uko twize kera, hum, ari nk'uko twize kera. Kera cyane cyane abenshi bize za tronc-commun, ariko hari n'abandi bize za greco-latine, abize za latin-sciences bigaga muri collège muri Christ-Roi, cyangwa muri Saint-André, cyangwa muri Seminari, bamwe bakiga batya mu ishuri rimwe bagatangira bakarangiza. Abandi bakagenda bakiga tronc-commun imyaka itatu, noneho ya myaka bayirangiza

bagahitamo ahandi baziga bitewe n'ubwenge bafite muri icyo gihe. Bakagira bati njyewe ibyo ndigushobora ni imibare, cyangwa ibyo ndi gushobora ni ibi: ni imyuga, ni iki n'iki, n'iki, noneho akagenda akajya kwiga mu rindi shuri.

Ubwo rero Ministre icyo ashaka, kugira ngo wenda bizatangirane na mirongo cyenda na kane mirongo cyenda na gatanu muri uyu mwaka nyine w'amashuri ugiye gutangira, ati " ndashaka tronc-commun imyaka itatu ku banyeshuli bose".

5.4

Ariko ibigo bimwe na bimwe bitagomba kugira tronc-commun na byo bikamenyekana, hum, nk'uko nyine kera twize. Hum, ati "rero hakaba ni... hakaba nk'ibigo" ati "hakaba ibigo byigisha tronc-commun gusa ati ntibikomeze, hakaba ibigo byigisha imyaka yindi ikurikiyeho yaba ibiri, yaba itatu, yaba ine ikurikiye tronc-commun gusa", hum, bikaba spécialisé nyine gusa, "hakaba n'ibigo byigisha ibyo bice byombi". Ati "njye ndabona ari byo byiza" ati "Directeur général rero, hum, ugi... ugomba kwiga icyo kibazo" ati "ateranye ba techniciens babyige vuba kugira ngo turebe ukuntu twazatangira iki... umwaka w'amashuri utaha icyenda na kane icyenda na gatanu abana batangirana ubundi buryo bwo kwiga.

Murumva rero réforme scolaire ya kera ubwo yaba ivuyeho, twaba dusubiye kuri bya bintu bya kera byacu wasangaga ari byo twize, njye nkabona njyewe byaratwigishije da! Nabona ari byo, ndabona ari byo, aya manota yo nibikora azayajyana.

Orateur : BEMERIKI.

... bagira ikintu cy'ubwoba cyo kwishishanya undi, abo bavuganaga ugasanga bagenda babitarura ugasanga rero icyo kintu si cyiza. Tukaba rero mu by'ukuri tubararaki... tubararikiye icyo kiganiro mu kanya Rédacteur en chef araza kubaha ibisobanuro, anabereke uk... impamvu abo bantu baba banze kujya muri izo nzego z'Inzibacyuho Yaguye. Ubwo rero ni aho mu kanya ndetse turagenda tubagezaho n'andi makuru arahari nyine turagenda tuyabagezaho ubwo ni uko ari icyo kiganiro nagira ngo mbararikire muri aka kanya. Ubwo nagira ngo rero mu kanya tugitegereje icyo kiganiro le

technicien wacu Lawurenti KAMANZI adushyireho akaziki. (Musique).

...icyizere twibwira ko izo nzego zishobora kuzajyaho, ariko kandi nigeze kubabwira ko ishi... zishobora kujyaho nk'uko zidashobora kujyaho. Ubo rero aho bigeze mu... muri magingo aya dukurikije ibyo tumaze kumenya bya FPR ivuga ko byanze bikunze hagomba kwemerwa abadepite ba Lando, ikindi kandi aba... Lando na we... Landuwari na we akavuga ati "jyewe mbivuyemo mbisigiye président wa PL twitoreye muri comite yindi e... uwo akaba ari KAYIRANGA" ati "byose ni we mbisigiye ni na we ubwo ngubwo uzagomba gutanga abo badepite n'abo baministre". Ura... murasanga rero harimo amananiza, amananiza yo kugira ngo ziriya nzego zishobore kujyaho.

7.8

Ibi byose nababwiye ko umuntu uhura n'ingaruka z'ibi byose nta wundi, ntabwo ari bariya bantu bo hejuru bariya bantu bararwanira imyanya nta kindi bashaka. None se mwasobanura mute ko FPR yo yanga kujya muri izo nzego z'Inzibacyuho Yaguye? Nta mudepite wabo n'umwe banze, nta muministre wabo n'umwe bigeze banga, ariko ikaza kwivanga mu bya PL, ikavugira PL. Ibi rero ntabwo byumvikana. Jyewe rwose nda... sibyumva, ndibuka mu nama ko rwose no mu ijambo mwashoboye gukurikirana rya Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini yakunze ku... yakunze kuvuga ngo ko we ngo ativanga ngo mu by'amashyaka ngo atajya mu mashyaka ngo ayacemo ibici ibice, ariko rero ndakeka ko aho ngaho rwose abantu bamwe bari bakwiye gushyira mu gaciro. Ubu u... ujya mu mashyaka we arabigaragaza aranabyivugira, ati "nimwumva mutaki... mudafasha abantu ba PL abadepite ba Landuwari ntabwo tuzajya muri izo... muri iyo Guverinoma y'Inzibacyuho cyangwa se muri izo nzego z'Inzibacyuho". Ubwo se uwivanga noneho mu by'amashyaka ni nde? Ushaka guca uduce mu mashyaka noneho ni nde ? Bya bindi na byo rero mugasanga ko bigenda bishyira ubwoko, biragenda bicamo ishyaka rya PL koko rigaragaza ko harimo ikibazo cy'amoko. Ibi rero nkaba ntajya mu magambo menshi kuko Gaspard GAHIGI arahari araza kubudu... kubidusesengurira atubwire ingingo ku yindi, adusobanurire maze buri Munyarwanda wese aho ari akomeze abitekerezeho.

Nyamara nyine nagumije kubabwira ko umunyarwanda ari we ugira ingaruka umuturage. Umuturage si we ukora politike ariko abanyapolitike barabeshya umuturage ko bariho bayimukorera, nyamara

baturage barajijutse. Ndibuka ndi hariya e... i Nyacyonga e...mu... mu... mu nkambi y'abavamwe mu byabo n'intambara, umuturage yarambwiye ngo "ariko" ngo "politike ni ukubeshya". ntabwo rero uwo muturage yabeshye ndetse ni kimwe kigaragaza ko abaturage bariho bumva politike icyo ari cyo mu gihugu cyacu. Bo baragira bati "abantu bamerewe neza nta cyo babuze baricaye iwabo none bakatubeshya ngo bagiye kudukorera ngo politike kugira ngo tumererwe neza ariko ugasanga barabishwaniramo. Noneho niba ari byo nibabisese byose abaturage bishyirireho ubutegetsi noneho bwemewe! Nta bundi ubwo butegetsi ni uko babishyira noneho mu matora niba babona byananiranye. Nkumva noneho ko abaturage mu by'ukuri ari bo noneho bafite uburenganzira bwo kuba bahaguruka bakavuga icyo batekereje.

10.4

Igihe Président wa...wa Repubulika Nyakubahwa Général Major HABYARIMANA Yuvenali yinginga abantu, yinginga amashyaka ati "nimuze turebe ukuntu igihugu cyacu twakivana mu gihirahiro, abantu bakajya inama bakumvikana ku matariki" bati "itariki iyi n'iyi tugomba gushyiraho izi nzego", aho bavuganiye, aho basezeraniye ko bagomba kuhahurira yahagera agasanga ni wenyine n'abandi batumirwa ariko ba... ba... atari bo bashinzwe gushyiraho izo nzego. Ugasanga mu by'ukuri birababaje ugasanga ni ukudukina ku mubyimba! Twebwe abaturage ni twe tubabaye, bariya banyepolitike bari bakwiye guhaguruka, niba batabishaka ni... nibareke abaturage bihagurukire ariko he kuzavuga... kuzagira.... ugira ati bariya baturage barajyahe mu mihanda, reka tubashoremo urusasu.

Nibabareke noneho abaturage bishyirireho izo nzego bitorere bakore ayo matora n'ubwo bwose tubona ko ibintu byananiranye bavuga bati bizakizwa n'amatora turabona ko amatora ashobora no kutazaba vuba dukurikije ariya masezerano e... y'amahoro y'Arusha. Kuko mu mezi makumyabiri n'abiri bavugaga ko ariho amatora yaba...e... yaba arangiye izo nzego z'inzibacyuho zaragiyeho. None se ubu ngubu koko mu mezi makumyabiri n'abiri twese turatekereza ko amatora ashobora kuzaba? Murabona igihe tumaze, ntabwo ayo matora ashobora kuzaba muri icyo gihe cyateganijwe kandi ashobora no kumara ikindi gihe kinini ataraba. Ugasanga rero umuturage rwose ni we uri kuguma mu gihirahiro.

Nababwiraga abantu... kuva nimugoroba nababwiye abantu bagiye bahunga, bakava mu ba... mu byabo bakagenda ndetse nta n'ikintu kigaragara gitumye bagenda ari abo bantu babashyiramo ikintu cy'icyuka cyo kubabeshya cyangwa se bavuga bati nimugende bigiye kugenda gutya bigiye kugenda gutya na gutya, ugasanga rero abantu bariho barahunga. Nimugoroba nababwiraga... nababwiraga abo mu Gatenga ukuntu bagiye bahungira ku bapadiri, abansiri bakagenda bahungira ku bapadiri za Kicukiro na hehe. Nababwiraga abantu ba segiteri Kimisagara bagiye bava mu byabo bagahunga. Nyamara banagaruka ugasanga haragaruka abagabo gusa noneho abagore baka... n'abana bakaguma mu buhungiro. Aha nari nababwiye nk'umugabo witwa KARAKE, MUSONERA, KAGAMBIRWA bose batuye muri segiteri Kimisagara, serire Kamuhoza, abo bose bahunze kuva tariki ya makumyabiri na kane z'ukwezi kwa kabiri mirongo cyenda na kane.

12.7

Abo bagabo baragarutse ariko abagore babo n'abana baracyari mu buhungiro. Si abo gusa kandi hari n'abo... muri iyo segiteri hari no muri zone Kove hari abahunze na none kuva tariki ya makumyabiri na gatanu z'ukwezi kwa kabiri mirongo cyenda na ga... na kane. Hari umudamu witwa Agata ee wari warashakanye na nyakwigendera MUNYEMANA n'uwo mudamu rwose yataye urugo rwe na we yaragiye. Hari n'umugabo witwa Claude a... nako witwa François akaba akora muri MANUMETAL, umugore we na we ni uko aracyari mu buhi... mu buhungiro guhera kuri iriya tariki. Ndetse hari n'uwitwa KALISA na we ukora muri Bureau pédagogique na we umugore we yaragiye! Hari MURENZI Paul na we mugore we ni uko! Hari umudamu na we witwa Alphonsine na we yaragiye! Ugasanga rero ibintu ntabwo bisobanutse, ntibisobanutse twari twizeye ko izo nzego nizimara kujyaho... nizimara kuzajyaho rwose twari tuzi ko ibintu bizaba bisobanutse , urwikekwe rukavaho ariko muracyumva ko abantu bagumije kunaniza . None se icyo... icyo HABYARIMANA atakoze koko ni igiki? Abaturage bari bakwiye kubyibaza, ni iki atakoze noneho muri iyi minsi? Muri iyi minsi duhere igihe bagiye bahana amatariki yo kuzarahira yo kuzashyiraho izo nzego. Rwose nihagira aba... umuntu wambwira ati Nyakubahwa Président wa Repubulika nta kintu yakoze, aha yaba abeshye. Yaba abeshye kuko abagiye bananiza izo nzego abagiye batuma izo nzego zitajyaho batangiye kwigaragaza.

Nyamara kandi abo bantu ni bo ba bandi muzasanga bazajya ba... bate... bateza akaduruvayo barangiza bakabyegeka ku bandi. Ndetse aha ndahamya ko ari byo bakora kubera ko mwagiye mwiyumvira no ku maradiyo y'amahanga, hari rwose nk'abantu bagiye bavugira ku maradiyo y'amahanga muri iki gihe twari tumaze turi mu cyunamo, igihe Nyakubahwa Ministre GATABAZI Felisiyani yitaba Imana, akaza gukurikirwa na Bwana BUCYANA Maritini président wa CDR na we ba... azize ubuhotozi.

Nyamara muribuka ko hari abantu batanguranywe bajya ku maradiyo ya... y'u Bufaransa abandi ku maradiyo y'Abanyamerika bati "nta bandi babahitanye ni MRND". Kwitanguranwa gutyo na byo byaba bihishe ikintu. Abandi rero bakajyaho bati bapf... haricwa gusa Abanyenduga n'Abatutsi. Ibi byavugiwe kuri radiyo yo muri Amerika bivugwa n'umudamu e... n'umudamu witwa MUJAMARIYA Monika akaba ngo ari mu mashyi... mu mashyirahamwe arengera iki... uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Ibi bintu na byo ntibyumvikana! Ese amashyirahamwe arengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu arengera bamwe agasiga abandi?

15.3

Ntabwo rero biriho byumvikana kuko ubivugiye kuri radiyo gutyo ngo hapfa Abatutsi n'Abanyenduga, ntabwo uba noneho urengeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu ahubwo uba ufite aho ubaga... ubogamiye. Bikaba bigaragara rero ko hariho abantu bihisha inyuma y'ayo mashyirahamwe, noneho bagakora politike bihishe inyuma. Abo bantu rero ntabwo ibyo bintu ari byo bari bakwiye kugaragaza neza ko koko bashaka gukora politike, bagakora ibikorwa bya politike, kuko nta tegeko mu Rwanda ribuza umuntu gukora politike! Sinumva impamvu rero bagomba kujya kwihisha inyuma y'ayo mashyirahamwe arengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu kandi nyamara koko atanaburengera, kuko arengera agace kamwe akibagirwa abandi, ibyo biragaragaza ko rwose abo bantu bagenda ba... bavuga ibintu bitari byo nyamara kandi hakaba n'ibindi bahisha! Ese kuki atatinyutse kuvuga ko ndetse abo bantu harimo n'abariho ba...ba... bapfa, bagwa mu... bagwa ah... mu karere aka n'aka? None se Nyakubahwa Bwana BUCYANA Maritini yaguye hehe? Ubwo se ni iki cyakwemeza noneho uwaba yaramuhitanye? Aha rero rwose abantu bari bakwiye kujya bitondera

imvugo, bakajya bategereza za enquêtes zikabanza zigakorwa, noneho abantu bakamenya kuvuga bafite icyo bashingiraho. Kuko abo baba batanguranwa akenshi rwose mbona igihe inzego z'ubucamanza zakwegu... zakurikirana ibintu ndetse na za parquets zikora enquêtes zajya zibanza zikabanziriza kuri bene abo bantu baba bihutira gusuka amagambo batabanje kuyapima ngo bumve igikwiye. Naho kubeshyera abantu nta kuntu noneho tuzashyira hamwe ngo twumvikane mu gihe hariho bamwe bagenda babeshyera abandi. Abandi bakava aha bakabeshyera abandi. Ibyo rwose ni ibintu twari dukwiye gucikaho.

Mu gihe rero ndiho mbabwira ibyo nagira ngo mu kanya gato ubwo nababwiraga ko Gaspard GAHIGI yari agiye hanze ntabwo aragaruka ariko turagumya tumutegereze, mu gihe tukimutegereje nzajya ngenda mbabwira utuntu nanjye ndi kugenda menya nkaza nkatubagezaho, muri aka kanya kugira ngo tube turuhuka gato nasaba technicien wacu ndabona noneho ari NTEZIMANA Jean uri kuri technique yadushyiriraho akaririmbo kugira ngo tube turuhuka noneho dukomeze buhoro buhoro.

... ukuntu FPR iri kwivanga mu bibazo bya PL bikaba intandaro yo gutuma inzego z'Inzibacyuho Yaguye zitajyaho. Nyamara kandi iyo ubicengeye, ubisuzumye neza usanga f... FPR ibyivangamo... mu... yivanga mu bibazo bya PL ivuganira Abatutsi na bo bari barahoze muri PL kuko abenshi bagiye bajyanye na Lando igihe yasezeraga aha... mu ishyaka rya PL muri komite nyobozi ya PL.

18.0

Uwo muntu yarasezeye Abatutsi bari bamu... bari bayirimo bahita bamukurikira. Ubwo rero murumva ko FPR yivanga mu bibazo bya F... bya PL ivuganira Abatutsi. None se ibyivangamo icyo gihe yatumwe na nde ? Ni nde uba wayitumye ?

Ikindi rero ni uko musanga ko FPR igihe ibyivangamo yo iba idashishikajwe no gushyira mu bikorwa amasezerano y'amahoro y'Arusha, ahubwo mugasanga ishishikajwe no kugira ngo yubure imirwano. Naho ubundi nta mpamvu n'imwe n'imwe igaragara FPR yakwivanga mu bibazo bya PL. Ni yo mpamvu rero abantu bose aho bari bari niba FPR ihagurutse ikajya... igashaka kuvuganira Abatutsi,

Abahutu aho bari bari hose na bo bari bakwiye guhaguruka bakishyira hamwe, bakabona ko umwanzi wayo ni umwe ni umwe nta wundi ni uriya FPR iriko igumya gukurura biriya bibazo by'amoko kandi mu by'ukuri ibyo bibazo kuva imyaka irenga... kuva muri mirongo irindwi na gatatu ubundi ikibazo cy'amoko wasaga... cyasaga nk'aho rwose mu by'ukuri abaturage basa nk'aho batangiye gusa nk'abakibagirwa bashaka kugira ngo babane mu mahoro bumva ko iby'amoko ari ibintu biza nyuma, icya mbere n'ambere ari ukuba Umunyarwanda, ubundi ubwoko runaka bukaza nyuma.

Aha rero ugasanga ko FPR noneho ikintu itsimbarayeho ari ikibazo cy'amoko, ayo moko igasanga kugira ngo noneho Abatutsi babe ari bo bajya imbere ndetse bya bindi byo kuvuga ngo kugabana ubutegetsi buri mu masezerano y'amahoro ntibibe bikibayeho ahubwo FPR ikagira ngo ibwigarurire hamwe n'agatsiko k'Abatutsi.

Ibyo rero ntabwo ari ko amasezerano y'amahoro y'Arusha abivuga niba atari byo ishaka gukurikiza noneho ni ukuvuga ko iriho itegura imirwano, kandi ibi rero abantu bose barabibona ibi byavuzwe kuva kera kuko burya iyo umwotsi ucumbeka uba uhishiriye umuriro uzagira utya rimwe ugaturika, ugaturikana abantu.

Aha rero ikintu FPR yari ikwiye gukora na yo ntikajye itubeshya ko ivuganira abantu bavanywe mu byabo n'intambara, ko ifitiye impuhwe abantu bishwe, mwumvise ukuntu yanavuze ko rwose ngo yihanangirije ibikorwa by'ubwicanyi, ibikorwa b'ubwicanyi nta we ishobora kubishinja wundi ubwicanyi tuzi uwabuzanye, FPR yaje yica, ni yo yonyine ishobora kuba yakwibaza ibyo bintu by'ibikorwa by'ubwicanyi ko ari yo ubwayo ibitera. Iyo rero itaza itera, iyo itaza ishaka ubutegetsi nababwiye ko mu gihe cyose FPR itarabona ubutegetsi ishaka ntabwo rero izacogora mu gukora ibikorwa nk'ibyo ngibyo.

20.6

Ni byo by'ibi rero biriho bigaragara ikitwaza PL ivuganira, ishaka kuvuganira Abatutsi ugasanga iravuga iti umubare uyu n'uyu uwatanzwe na... na Landuwari ni wo ugomba kujya mu Nama Ishinga amategeko. Ntaho bihuriye yari ikwiye kureka ishyaka PL rifite abayobozi baryo, noneho abo bantu

bakaba ari bo bitangira iyo liste y'abadepite.

K0168773

Aha rwose murumva aho bishya bishyira ikibabaje gusa ni abaturage bagiye kongera gushorwa mu ntambara, abari bafite icyizere cy'uko bagiye gusubira mu byabo bari, baravanywe mu byabo kubera iriya mburagasani y'intambara bakaba batarabisubiramo mu gihe bari bafite icyo cyizere none bakaba bariho bacibwa intege n'aba bantu babivugiye biyemeza ko rwose ko nta kibazo ko bagiye gushyiraho izo nzego abaturage bagasubira mu byabo. None aho Abanyarwanda bari bose bariho barasa nk'abacika intege kubera imvugo zimwe na zimwe z'ayo... banyepolitike, cyane cyane iriya FPR yaje yunganirwa ndetse na Bwana NDASINGWA Landuard wivugiye ko atakigiye muri izo nzego akabyandika ati "noneho mpariye KAYIRANGA wa... président wa komite bi... batoye". Murumva rero ko président wa komite batoye kandi tuzi ko hari Komite nyobozi ya PL irahari tuzi abayigize, tuzi président wa PL arahari ni Bwana MUGENZI Yustini none uriya KAYIRANGA aje ate ? Bigenze bite? Ubwo rero ibyo bintu ni ibyo kwitondera, ni ibyo gusuzumana ubwitonzi kuko nitutareba neza iki gihugu cyacu mu by'ukuri kirongera kijye mu ntambara kandi kugira ngo iyi ntambara izongere ihagarare bizadufata (arahigimye) bizadufata igihe kirekire kandi Abanyarwanda abaturage ari bo cyane bahazaharira.

Aha rero nagira ngo technicien akomeza iriya ndirimbo y'Abahutu, Abahutu aho bari bumve ibintu FPR rwose yatangaje yabyivugiye ntabwo ari ibyo nyihimbira ariko umuntu agomba no gushishoza akareba aho yo ikurura ijyana n'abo ishaka kuvuganira. Ubwo rero ni uburenganzira bwa buri munyarwanda, jyewe ni ko mbibona, ndabona ko ishaka gukurura ubutegetsi ibuha Abatutsi, kandi FPR ikivanga mu bibazo bya PL mu by'ukuri nsanga bitayireba, aha nkumva ko rero Abahutu bari bakwiye guhaguruka bo ntibashinge mu kuvuga bati twabuze umuntu wacu, umuntu wacu yarahotowe, yarishwe, e... muribuka ibyabaye ngo... noneho ayo mashyaka ashyamirane. Icyo ni ikintu abantu bari bakwiye kwikuramo bakareka gushyamirana hagati yabo ahubwo na bo bagafata ingamba zabo zatuma ubutegetsi butava mu maboko ya rubanda nyamwinshi ngo bujye mu maboko y'Abatutsi. Icyo twe twashatse ni uko twabugabana ntitubyanga, ariko kugira ngo babe ari bo babwikubira Abahutu bongere basubizwe ku kiboko, bongere basubizwe ku kazi k'uburetwa ntabwo numva ko Abahutu aho bari babyemera.

Ubu rwose ndumva jyewe batashobora kubyemera, kandi biranagaragara, biragaragara kuko bose barabitangaje, ntabwo rero FPR yagumya kudushoraho biriya bintu igamije gusa kubura imirwano. Ubwo rero nagira ngo ereya... iriya ndirimbo irimo inyigisho rwose zihagije, turashimira bwana BIKINDI Simoni ndetse ashatse yagumya agahimba n'izindi ziriya ndirimbo zizajya zigumya zigishe rubanda Nyamwishi aho bari kugira ngo bashobore gufata ingamba zatuma bakoma imbere ibintu nka biriya.

Orateur : HITIMANA.

... bakomeye ngo muri iki gihugu ngo... ngo "bafite ukuntu bakorera akazu" ngo "naho abo hasi" ngo "batoya" ngo "ahubwo" ngo ba... ngo, ngo ba..."bakwishyira mu myigaragambyo" aribeshya cyane, ntabwo azi abasirikare b'u Rwanda uko bameze na moral bafite n'uko bakora. Aribeshya cyane iyo nkuru ashaka gukwiza muri iki gihugu azitonde nta cyo yamumarira. (Musique).

... kwa mukeba bati "Lando afite... ya...afite icye gitekerezo", icye gitekerezo rero kugira ngo ndetse no muri buriya butegetsi atajyamo nyine n'ishami rye ryo muri PL . None GAHIGI Gaspard akavuga ati "twabitekerezaho iki"? Bihatse iki? Bizatugeza ku ki ?

Orateur : GAHIGI.

Icyo bizatugezaho ngirango ubanza ari imbwa yiruka. Ee Lando koko yatangaje ngo yandikiye Président wa Repubulika amubwira ko PL igice ahagarariye batakigiye mu nzego z'Inzibacyuho Zaguye ni ukuvuga Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko. Ibyo bintu rero njye ndabona hari icyo bihatse, muribuka ko ku itariki makumyabiri n'indwi z'uku kwezi gush... gushize Gashyantare, Lando mu gihe bagiranaga inama na Président wa Repubulika abagize komite directeur z'amashyaka ari muri guvernoma bahuye na Président wa Repubulika ku itariki makumyabiri n'eshanu na makumyabiri n'indwi, mu mwanzuro rero wavuye muri iyo nama Lando yivugiye ubwe ko e... yifashe ku byerekeye cyane cyane cyane uko basaranganyije abaministre muri PL nyine yacitsemo kabiri: igice cya Lando n'igice cya MUGENZI. Ubwo rero yaravuze ati " ngiye kubanza mbaze abo dukorana noneho nzagire icyo ntangaza". Yarababajije rero abo bakorana yarababajije...

25.8

K0168775

Orateur : Noheli.

Abo bakorana kandi. (Aseka)

Orateur : GAHIGI.

...turaza kuvuga abo ari bo, abo bakorana yarababajije, noneho rero ubwo amaze kubabaza nibwo yatangaje ko atakigiye muri izo nziba... nziba... muri izo nzego z'Inzibacyuho, ubwo rero nkavuga nti bihatse iki ? Njye ndabona ku buryo bugaragara Umuntu adaciye ruhinga nyuma, umuntu avugishije ukuri tubona ko muri politike u Rwanda rurimo ikibazo cy'amoko noneho kirushijeho kwigaragara (sic).

Muribuka ko Lando yivugiye ubwe ko PL yabivuze muri iyo nama yahuje aa komite directeur z'amashyaka agize Guverinoma na Président wa Repubulika n'abaministre bombi: umwe w'inzibacyuho iriho ubu n'undi ugomba kuzayobora Inzibacyuho Yaguye Fawustini TWAGIRAMUNGU na Madamu UWILINGIYIMANA Agata, avugira muri iyo nama urumva ko harimo abantu benshi, avugiramo ko PL ari ishyaka rigizwe n'Abatutsi ko rero batariryamira ngo abyemere. Ubwo uko kuriryamira yavugaga ko bashaka ngo kuyiha ministère iriya ayobora ko ari ministère ingana na direction générale, ko rero ari ministère banyunyuje ko nta cyo imaze ko batayiha Abatutsi ngo byemerwe. Lando arabyivugira ubwe ati "ntabwo abantu baryamira Abatutsi ngo byemerwe". Icyo gihe twavuze ko ari ikintu gishya kuko ari bwo bwa mbere bazanye amoko mu igabana rya za ministères kuko ubundi za ministère zahawe amashyaka. Lando rero azanamo ikintu cy'amoko, ubwo rero avuze ati "ndifashe" mu mwanzuro wafashwe muri iyo nama yo ku itariki makumyabiri n'indwi yari yatangiye kuri makumyabiri n'eshanu ati "ndifashe muri uko kugabana" ati "nzabaza abo dukorana", atangaza rero ko noneho atakigiye muri izo nzego. Ubwo rero murumva ko ko ikintu cy'amoko kiri inyuma y'uko kutajyamo. Sinzi niba ubyumva neza, sinzi niba mbivuga neza umuntu yaravuze ati "sinakwemera ko Abatutsi baryamirwa" na mbere yaho yigeze kuvuga ngo "il faut défendre la minorité". Yee.

27.8

K0168776

Orateur : Noheli.

Hum.

Orateur : GAHIGI.

... ati "sinakwifuza ko Abatutsi baryamirwa muri iri gabana" ati "ndifashe nzabaza abo dukorana", none aratangaje ko atakigiyemo. Nta kindi cyamubuza rero uretse icyo kintu cy'ubwoko yivugiye ubwe .

- Uhum.

- Ikindi argument njye mbona, ndavuga ibisobanuro umuntu yatanga bigaragara ni uko Lando muri iyo nama y'abagize komite directeur Lando tuvuge ataravamo ngo yiyandikire ubwe ko avuyemo ndetse bijye mu nkiko, ariko bakavuga bati "kugira ngo igihugu cye kujya mu gihirahiro Lando n'ubwo wavuyemo reka tube tukugaruye, ariko kugira ngo igihugu kive mu gihirahiro ba Vice-président wa mbere w'ishyaka nk'uko byari bimeze kera muri komite directeur kugira ngo turebe uko twashyiraho izo nzego".

Orateur : Noheli.

N'abawe bagumemo ntacyo babe ba... mbese babe abarwanashyaka b'ishyaka,...

- Yee

- nta kibazo.

Orateur : GAHIGI.

Noneho uzi rero ko komite directeur y'ishyaka PL igizwe n'abantu bane. Noneho Lando akaba umwe muri abo bane. Avuye rero muri komite directeur baravuze bati "ni nk'ishami rivuye ku giti, ntabwo ishami iyo rivuye ku giti ribuza igiti kwitwa ishami". Bati "ahubwo iyo ishami rihagutse kenshi aho riguye ri... riruma". Bati "Lando ubundi twari dukwiye kumureka tukikomereza ishyaka ryacu ntitunamuvugishe , tukamwihorera kuko ni umuntu umwe ku bantu bane bagize komite directeur y'ishyaka". Bati "...se niba avuga ko ari umuntu umwe wagize ko... komite directeur y'ishyaka, akaba yibaza ko afite abayoboke benshi nibinyure mu matora...

- (inaudible) K0168777

- ... turebe igice gifite power, gifite abayoboke benshi ari cyo gi... kitirirwa ishyaka PL. Lando ibyo ntiyabikozwa, ati "MUGENZI yatiye abayoboke". Ngira ngo nta muntu ukora politike babuza gushaka abayoboke ngo yemere, icyo gihe ntabwo yaba akora politike.

29.7

Ikibazo rero aho kivuye ni hehe, ubwo Lando ubwo navuzaga... navugaga ko ari umwe mu bantu bane bagize komite directeur . Noneho mu igabana bakavuga bati "ubwo turi bane nta matora yandi abaye reka turebe ko twaguha kimwe cya kane" kandi mbere yo kugera kuri uko kugabana kimwe cya kane nkubwire ko abazi amategeko ndetse n'abantu b'abanyamahanga bariya bahagarariye Nations Unies bemera ko bakurikije amategeko MUGENZI ari we uri mu nzira itunganye yemewe n'amategeko, ko rero PL igice cya MUGENZI ari cyo cyari gikwiye kugira abadepite bose n'abaministre bose. Bati "ariko kugira ngo tuvane igihugu mu gihirahiro, ubwo Lando ari umwe mu bantu bane bagize komite directeur reka tumuhe kimwe cya kane cy'abaministre na kimwe cya kane cy'abadepite". Kimwe cya kane rero cy'abaministre batatu ni ibice by'umuministre. Bati "tuguhe umuministre umwe". Kimwe cya kane cy'abadepite cumi n'umwe ni ibice bibiri ni a... ni n'abadepite babiri n'ibice bitandatu. Bati "tubagire batatu". Lando akabigarama. Abigaramye bati "noneho kugira ngo igihugu kive mu gihirahiro, ubwo ni ejo bundi muri iyo nama, bati "reka noneho koko twemere e... inama twagiriwe n'abasenyeri".

- Hum.

- Noneho wowe Lando utware abadepite batandatu utware n'umuminstre umwe, MUGENZI utware abadepite batanu utware n'abaministre babiri. (Noël et GAHIGI en même temps).

Noël :

Uhum.

GAHIGI :

Ubwo MUGENZI ...

( FIN DE LA FACE A). K0168778

Orateur : GAHIGI.

...z'amashyaka agize Guverinoma hari ikindi bongereyeho Lando

- Noël : Hum

- ... kitari giteganyijwe gikomeye , gikomeye

- Huum.

- ... abasenyeri, abakuru b'amadini batari bigeze bavuga. Baravuze bati "twara abadepite batandatu, utware n'umuministre umwe kandi utange na kandida kuri... ku mwanya wa président wa Assemblée nationale,...

- Hum.

- ... Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho. Urumva ko ari ikintu gikomeye bamuhaye, nabwo arabigarama. None yavuze ko atabyemeye yaravuze ko ishyaka PL rigizwe n'Abatutsi ati "nzabaza abo dukorana". Abo bakorana rero ndagira ngo nkubwire na bo ko bavuze ibyabo.

Twakunze kuvuga ko oo... PL igice cya Lando gikorana na FPR. Tariki makumyabiri n'umunani rero Gashyantare FPR-Inkotanyi yashyize ahagaragara itangazo ivuga ko itazajya muri Guverinoma, ubwo inama yari yaraye irangiye ku itariki makumyabiri n'indwi ivuga ko itazajya muri iyo Guvernoma igihe Lando atabonye abaministre be, abadepite be... (deux voix en même temps)

Orateur : Noheli.

Cumi n'umwe! Hahaa!

Orateur : GAHIGI. K0168779

... uko biteganjyijwe, uko ngo ba... byagenze mu matora yagenze mbere . Ubwo rero urumva ko ari ikintu k'igitangaza PL ije kurengera Lando ite ? Ngo yitwaje ya minsi mirongo itatu n'irindwi , FPR yigeze itubwira yo igihe yashyiriyeho abadepite bayo n'abaministre bayo?

- Hum.

- Babikoze mu minsi mirongo itatu n'irindwi, hari umuntu wo mu ishyaka ryo mu Rwanda wagiye gukontorora FPR-Nkotanyi? Kuki yakontorora amashyaka yo mu Rwanda. Ibyo bintu rero nkabona ari ibintu...

- U... uretse n'i...

- ... bikomeye...

- ... uretse n'ibyo n'uyu munsi FPR ivuze iti twahinduye umukandida, noneho Prezida wa Repubulika bakamubwira bati baministre noneho ni aba, abadepite ni aba ntiyabihakana. Yabihakana gute se ?

2.6

Orateur : GAHIGI.

Nta wabihakana ubundi muri politike, twakunze kuvuga ko politike atari ikintu kiri aho kitanyeganyega cy'intayezwa ko politike ari ikintu dynamique, ni ibintu bihinduka rero. Umuntu igihe babona atagikora mbese anapfuye, ntibamusimbura?

- None se.

- Agize ubumuga, ntibamusimbura? Amategeko se ko abereyeho abantu, abantu ni bo babereyeho amategeko ?

Orateur : Noheli.

None se yasara bakamureka ngo nabe depite ?

Orateur : GAHIGI.

... ngo nabe depite, bamuhindura mu gihe babona adakora. N'abadepite batowe hakaza ibice mu ishyaka bashobora kuvuga bati tubisubiremo kandi ibyo ntibyabuza amasezerano kujyaho.

Ubwo rero ikibazo njye mbona gikomeye kigaragaye umuntu yavuga ko ari yo nkuru y'uyu munsi Lando ati sinkigiye mu nzibacyuho n'igice cye cya PL, FPR iti "natwe ntituzajyamo igihe Lando atabonye abadepite be bose uko ari cumi n'umwe" bikagaragara rero ko Lando na FPR bagize igice kimwe gikorana koko biragaragaye ku mugaragaro, kuko icyo kibazo cyarasaga muri MDR ariko muri MDR wumvise ko bari hafi kukibonera igisubizo n'ubwo harimo agahimano ngo umuntu natange ngoo abakandida icumi, kugira ngo habonekemo abadepite be. (Noheli arasetse) Njye rero nkunze kuvuga Noheli...

- Him.

- ... ngo umuntu ukora politike akibagirwa ntiyibuke birambabaza. Uribuka ko TWAGIRAMUNGU waka abakandida cumi ari we wabwiye Président ati turafata umukandida umwe wenyine ku mwanya wa Ministre w'Intebe igihe NSENGIYAREMYE yajyagaho!

- Hum

- Ati ni we wenyine...

Orateur : Noheli.

... Perezida yari yasabye batandatu.

Orateur : GAHIGI.

Batandatu...

4.5

Orateur : Noheli.

Yari yasabye batandatu bati "ashwi da !"

Orateur : GAHIGI.

... none aribagiwe we araka icumi ku mwanya w'abantu babiri. Ubwo rero ukaba wumva n'ubwo harimo agahimano ariko MDR power yemeye gutanga abakandida icumi ...

Orateur : Noheli.

Dukore analyse rero kuri abo bakandida turebe abo wakeka bazajyamo n'icyo bazamarira rubanda.

Orateur : GAHIGI.

Gukeka nagira ngo Noheli mvuge ko njye ntashaka gukeka, njye ntabwo nshaka gukeka kuko nakeka ugasanga atari byo, ariko njyewe nkurikije imikorere ya Rukokoma, nkurikije imikorere ya Rukokoma, nkakurikiza imikorere y'abo ahagarariye, nkakurikiza icyo bagamije muri iyi Nzibacyuho cyane cyane kugira ngo bakomeze base nk'abashaka gutesha umutwe Président wa Repubulika, njye mbona ni ugukeka, gukeka ntibibujijwe, n'undi wese n'iyo amakipe y'umupira agiye gukina umuntu aravuga ati ba...m... bashobora gutsindana ibitego ibi n'ibi, njye rero mbona Rukokoma ashobora kugarura NGURINZIRA, ndetse akaba yagarura na NSENGIYAREMYE. Njye ni ko mbikeka nta bimenyetso bigaragara mfite ni icyo bita pronostic ariko rero ingaruka zabyo ku gihugu zizaba zikomeye muzi amasezerano y'Arusha ukuntu abo bagabo bagizemo uruhare mu kuyabogamya, uzi ibyavuzwe ubwo rero akaba atari kugaruka kw'abo bagabo, akaba atari ibintu byagirira igihugu akamaro, ahubwo ari ibintu byarushaho kugirira nabi politike y'igihugu. Njye ni ko mbibona kandi njye nemera ko kugira ngo umuntu yivugurure ari igitangaza, kugira ngo rero uko NGURINZIRA yari ameze Arusha, uko NSENGIYAREMYE yari ameze bakora ayo masezerano kugira ngo umbwire ko muri aya mezi baba barahindutse ntabwo njye nabyemeza. Ubwo rero nkabona ikibazo kirushaho kugenda gikomera, abo bantu bita... ni bo bita muri Zaïre “ les Dinosaures ”...,

6.4

Orateur : Noheli.

... Les dinosaures...

Orateur : GAHIGI.

Les dinosaures rero bagarutse kandi nkavuga ko muri politike ubundi... kugira ngo ukore politike igamije inyungu za rubanda, ahandi ni ko mbizi e... mu bitabo bya politike twashoboye kwiga, twashoboye no gusoma umuntu kugira ngo akore politike agomba kugira les mains propres. Agomba kuba indakemwa mu mico no mu myifatire, mu madossier a... bamuziho yose, nkagira ngo rero nkubwire iyo umuntu akora politike afite les mains propres kenshi byicira rubanda. Yiba rero

Fawustini TWAGIRAMUNGU ubwe yaragiye ku isonga kugira ngo bahirike NSENGIYAREMYE urabizi...,

Orateur : Noheli.

...Ndabizi.

Orateur : GAHIGI.

... urabizi ko TWAGIRAMUNGU rwose ari we wavuze ati uwo mugabo nagende ntakora neza reka dushyireho madamu UWILINGIYIMANA Agata. Ubwo rero kugira ngo bazakorane no muri Guvernoma ibyo bintu urumva ko ntabwo bizaba bihwitse. Ariko rero kugira ngo abantu bakorere nabi igihugu yamugarura. Kandi azi ko... NSENGIYAREMYE azi ko Rukokoma yamuhiritse, Rukokoma azi ko yagiriye nabi NSENGIYAREMYE, urumva abo bantu ko bazajya bazahora barebana ay'ingwe abo bantu batakora politike ifitiye igihugu akamaro, ariko rero kugira ngo gusa bagire nabi yamugarura. NGURINZIRA uzi ibyo bamuvuzeho bati "NGURINZIRA urica amasezerano", baramuririmba mu ndirimbo muri za meetings, bajya mu mihanda...

Orateur : Noheli.

...bati "noneho abaye power ".

7.9

Orateur : GAHIGI.

... none aragarutse...

Orateur : Noheli.

...ngo "ni power "

Orateur : GAHIGI.

... arasa nk'uvuye muri purigatori.

KO1 68783

Orateur : Noheli.

Ngo ni power.

Orateur : GAHIGI.

Ubu areze se ! Abo bantu rero kugaruka kwabo muri politike y'igihugu ntabwo ari...bifitiye igihugu akamaro bifite abo bifitiye inyungu ariko ku baturage b'igihugu njye nzi ko nta nyungu bifite. Njye ni ko mbibona, nkabona rero ibyo bintu bya Lando, bya FPR bigaruye amoko, nkavuga nti ibi bintu birakomeye. Ikibazo rero ni ikihe ? Kuko Président wa Repubulika ni we wigeze kuvuga ati "mujye muvuga ibibazo ariko turebe n'uko umuti wabyo waboneka. Ibibazo rero biragaragaye umuti ni uwuye. Njye ndabona umuti ari uko abemeye guforma Guvernoma kuko muri MDR ikibazo kigiye iruhande , njye ni ko mbibona ndabona gisa nk'ikigiye iruhande, Muri PL abantu barahuye bashyizeho Guvernoma baravuga bati mu gice cy'u Rwanda dore icyo twemeje", kandi utabyemera azabage yifashe. Lando we niba atabyemeye azabage yifashe. Noneho Président wa Repubulika na Guverinoma bahwituye ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata bati "kora noneho" Guverinoma niterane ivuge ko umwanzuro uvuye mu Nama ya Guverinoma yayobowe na Ministre w'Intebe na Président wa Repubulika wenda azayijyemo, njye mbona akwiye kuyijyamo, noneho bati dore icyemezo Guverinoma y'u Rwanda ifashe, dore abagiye kujya mu nzego z'Inzibacyuho Yaguye, babishyikirize FPR nyine partenaire interlocuteur, bati dore twebwe muri Guvernoma y'u Rwanda uko tubibona.

9.6

FPR noneho ibivugire ku mugaragaro ko ibyanze kubera ko abade... PL itabonye abadepite bayo ivuge niba ari umuvugiza wa PL cyangwa niba ihagarariye amashyaka yo mu Rwanda ivuge n'impamvu. Noneho ibibwire amahanga, amahanga ni yo... kuko nta muntu ukora politike uba... nka... nka... nk'ibyo bita kuba enfermé muri tour d'ivoire ngo ube uri nko mu kantu k'akarwa utagira icyo upfana n'ibi... n'izindi si wa... wibereye mu nyanja gusa ukwawe wenyine. Igihugu gifitanye umubano n'amahanga, gifite amasezerano n'amahanga ayo mahanga ni yo yadufashije gushyiraho amasezerano y'Arusha, ayo mahanga afite rero n'uruhare mu... muku... mu kuntu ayo masezerano yakurikizwa.

Orateur : Noheli.

K0168784

Na Loni iri ino aha...

Orateur : GAHIGI.

Na LONI yari ihari na Arusha yari ifite uyihagarariye na OUA na Tanzaniya n'ibihugu duhana imbibi, Ubudage, mbese ibihugu byose koko bifitanye umubano n'u Rwanda byagira icyo bivugaho. Nkagira ngo rero njye umwanzuro nafata ni uko Guverinoma y'u Rwanda yakwiyemeza igaterana igafata umwanzuro ko Inzibacyuho zigiye kujyaho n'abazazijyamo, Lando ...ko yanze kujyamo, noneho icyo cyemezo bakagishyikiriza FPR yacyanga noneho...

Orateur : Noheli.

... ikisobanura.

Orateur : GAHIGI.

...ubwo nicyanga amahanga aza... izavuga impamvu, noneho amahanga na yo avuge... agire icyo abivugaho kuko yadufashije gusinya ayo masezerano, yemeye no kudufasha uko yajya mu bikorwa ni cyo gituma ndetse na Jacques Roger BOOH BOOH ari ino aha, ndetse njye nkagira ngo mushime, nshime ibintu yavugiye ku Mulindi, yavugiye ku Mulindi avuga ati koko turagira ngo mushyireho amasezerano... mushyire mu bikorwa amasezerano y'Arusha kandi muyashyireho mu bwumvikane .

11.5

- Icyo bita esprit de compromis. Niba rero dusinya Arusha amashyaka atari yagacitsemo ibice, mu gihe cyo kuyashyira mu bikorwa ibyo bice bikaba biriho, noneho bakavuga bati "nimugabane", ndetse n'abantu twavuga ko batabifitemo uruhare cyane nk'abantu bihaye Imana bati "dore uko twabagira inama nimugabane mutya", abanyapolitike bakajya mu nama bakabyemeza, uwo muntu ubyanga aba afite ikindi agamije. Icyo rero ahatse ni cyo dukomeza kugenda kubyaza buhoro buhoro uko tujya imbere ni ko icyo kintu PL Lando ihatse, icyo FPR ihatse kigenda kirushaho kwigaragaza. Wenda ejobundi kizavuka noneho kijye ahagaragara, ariko njye ndabona cyatangiye kujya ahagaragara,

ubwo rero abaturage b'u Rwanda ni bo bakwiye kuba abacamanza bakuru. Erega n'ubundi ni bo bacamanza bakuru muri démocratie.

Ubu rero ndabona PL Lando yigaragaza, FPR yigaragaza ahasigaye abanyapolitike bavuga ko bakorera abaturage, kandi abaturage bakavuga ko babari inyuma nibafate responsabilités zabo noneho n'abaturage babajye inyuma, noneho wa mugani ikibyimbye kimeneke njye ni uko mbibona.

Orateur : Noheli.
Hanyuma se, hari ikibazo nkubaza kuko ahangaha hari akantu tujya twibagirwa, sinkita akantu ni ikintu na cyo gikomeye cya CDR, iyo KAVARUGANDA abima kopi ngo basinyeho KAVARUGANDA we ubona adakorana n'abo bandi bakorana na Lando, bakorana na Rukokoma esi mve.... mbesi bakorana na FPR, ubona ibyo bintu byo bita... bitagenda mu nzira imwe? Iyo yimana kopi ngo basinye...

Orateur : GAHIGI.
Ese KAVARUGANDA yimana kopi ububasha abifitiye ni ubuhe? FPR iravuga iti "mu masezerano y'Arusha umuntu agomba gusinya icyo bita code d'éthique" ni uko bakise Arusha. Amashyaka ajyayo. Mu masezerano y'Arusha ntabwo bigeze bashyiraho itariki ngo umuntu azasinya igihe iki n'iki. Ni ukuvuga ko kugeza igihe inzego zizagiraho umuntu ashobora gusinya. CDR iti "nimumpe nsinye". Bayimira iki uko gusinya ? Njye ni cyo gituma mvuga nti igihugu kitagira ubutegetsi kiragatsindwa kimera nka parc national.

13.7
KAVARUGANDA ntagira umutegeka ngo amubwire ati zana iyo kopi? Ibyo bintu ni ibiki ? Niba iyo... a... CDR yo ni a... tegeko yayo, iri mu burenganzira bwayo, uwo mugabo yimana iyo kopi kubera iki ? Mbese ubu yabisabwa na nde ngo abe... aha...e... CDR ihabwe iyo kopi ? Ni cyo kibazo njye mvuga. KAVARUGANDA afite uko yagiyeho afite abamuyobora. Bateranye bakamubwira bati tanga iyo kopi niba twarasinyiye ko turi mu gihugu kigendera ku mategeko. Umuntu yigira akari aha kajya he mu gihugu bakamurekera aho nk'uko intare yigira akari aha kajya he mu ishyamba ? Ndetse

nagira ngo nkubwire njye ntuye muri parc n'intare ntabwo yigira kari aha kajya he iyo yigaragaje ikiroha mu bushyo by'imbogo bushobora kuyiteragura imigeri bukayica . Intare ihigana ubwenge, inyamaswa iyo ari yo yose ifata iyindi ikoresheje amayeli. Ntabwo rero umuntu yakwigira akari aha kajya he mu gihugu ngo nk'aho nta... atagira umutegeka. KAVARUGANDA niba rwose yimana iyo kopi abamutegeka bazamutegeke kuyitanga ku ngufu cyangwa ku mategeko, njye ni ko mbibona.

Orateur : Noheli.

Mu minota cumi n'umwe turaba dufite saa sita hano i Kigali. Ndashimira GAHIGI Gaspard ku bitekerezo atugejejeho, murumva ko buri munsi tukurikira uko politike y'igihugu cyacu igenda izamuka izamuka, izamuka. Ubwo no mu ma saha ari imbere nitwunguka ibindi bitekerezo politike iri muri aya iragenda ihinduka, ihinduka, turibuze kubibagezaho. Murakoze Gaspard.

Orateur : Gahigi.

Urakoze Noheli.

( Hymne national ).

Orateur : NKOMATI.

... kumva radiyo RTLM ivugira i Kigali, dufite i saa mbiri zirenzeho iminota cumi n'umunani muri sitidiyo zacu. Dutangiye gahunda zacu rero zatangiye saa mbiri turazirangiza saa sita zuzuye.

16.0

Nk'uko bisanzwe tubafitiye inkuru zishyushye, tubafitiye ubutumwa bwanyu ni ukuvuga amatangazo y'ingeri zose kuranga, kurangisha, kumenyesha ndetse no kubika. Ibyo byose rero biragenda binyuranamo n'indirimbo twabateguriye . Muri kino gitondo rero muri kumwe na NKOMATI Emmanuel kuri micro na NTEZIMANA Jean ku buhanga bw'ibyuma. Mwese, mwese, mwese, mwese tubifurije kugira umunsi mwiza kandi tubahaye ikaze kuri radiyo yanyu, radiyo ya rubanda, radiyo RTLM yumvikana muri FM ku murongo w'ijana na gatandatu no ku murongo wa mirongo icyenda na kane n'ibice bitatu (musique).

K0168787

...Kigali dufite i saa tatu zirenzeho iminota makumyabiri n'itatu muri sitidiyo zacu. Uwo musore w'umuririmbyi ati " bambarize ", ati " abirabura barapfa iki "? None se si byo? Barapfa iki? Hum! Mu Rwanda se... mu Rwanda Abahutu n'Abatutsi barapfa iki ? Ko buri muntu yitunze, umuntu akaba yirwanaho, umuntu akaba afite ibye, afite iwe, afite isambu ye, yitunze nta wuhatse undi. Gusa hari amakuru atugeraho, atumenyesha ko Inkotanyi ziteguye imirwano ikomeye mu gihugu cyose. Muri iyo mirwano barashaka ku... ku... kwivugana, barashaka kwivugana abo batuvu... abo batavuga rumwe bose cyane cyane abo mu mashyaka MRND na CDR. Nibaze ku mugani wa BIKINDI ati "nibaze". Hum "agapfa kaburiwe ni impongo". Bibuke ko u Rwanda ruterwa rudatera. Kandi mukwivuna umwanzi uhera ku mutwe. Ibyo byaragaragaye ntabwo nabisubiramo, barapfuye, barapfa, barapfa, barapfa n'ubu baracyapfa. Ibyo ari byo byose gusubiza bene Sebahinzi mu buhake birakomeye, kandi ni inzozi. Kandi ntibyoroshye kumarira ku icumi miriyoni hafi zirindwi zose, ntabwo ari ikintu cyoroshye ni ikintu gikomeye cyane. Hari abantu bibeshya rero, ibyo bakora byose , ibyo bavuga byose nibaze "agapfa kaburiwe ni impongo". Nibatuze duturane kuko no mu Burundi byarananiranye kandi bari bafite uburyo buhambaye: bari bafite igisoda, bari bafite amafaranga, bari bafite ndetse n'inshuti ariko byarananiranye. Bagerageje kwica abantu , bakajya ku misozi, bakajyanayo indege, bakajyanayo za blindés, bakajyanayo intwaro zose bakica na n'ubu baracyica, ariko bam... byarabananiye. Ntabwo bashobora kwica Abahutu bose bo mu Burundi ngo babarangize ntibishoboka. Abatutsi bo mu Rwanda rero iyo bajya kuba abandi baba barahakuye isomo. Baba barahakuye isomo bagaca bugufi bakanyurwa n'ibyo beguriwe ku mayeri. Babyeguye ku mayeri rwose kuko iyo urebye imyanya bafite bahabwa n'amasezerano ya Arusha usanga..., dukurikije n'ukuntu bangana muri kino gihugu ntabwo rwose bibakwiriye.

19.7

Landuardi wiha guhagurutsa ikibazo cy'amoko bagize batya bati bariya bantu tubahaye imyanya dukurikije uko bangana mu gihugu, ese bahabwa imyanya ingana ite ? Babona abadepite bangana kuriya ? Noneho ngo barashaka ngo n'abandi ngo bariya badepite ba PL bariya bavuga ngo ni aba Lando ngo bose ngo nta n'umwe. Ibyo rero ntibishoboka, ntabwo bishoboka rwose kuko ni agasuzuguro! Niba babahaye abantu bariya ba... bari... bariya bantu batandatu bose ku bantu cumi n'umwe, bari bakwiye kujyana abo ngabo kuko na bo ntabwo babamerita !

Sinzi ukuntu nabivuga, sinzi ukuntu nabisobanura byaravuzwe gusa niba ari imirwano ee ntibibwire ko... n'abandi na bo bazi kurwana! Nta... nta terabwoba rero, nta... nta chantage, nta... bi... bamenye ko abantu na bo bahari kandi abantu ari maso, kandi aba... ari abantu b'abagabo kandi bazi ubwenge bazi n'ukuri. Reka dukomeze twumva indirimbo ikurikira, mu kanya ndabagezaho ubutumwa bwanyu.

Bon, umujyi wa Kigali sinzi niba mu yandi ma prefectura ari ko bimeze, haramutse ibitumbwe, haramutse ibitumbwe rwose ndabona hanze hameze nabi ndetse ndahabona n'ubujojoba ni yo mpamvu kugira ngo mugire ubuyanja, kugira ngo mugarure ubuyanja twabashakiye indirimbo nka ziriya, hum, imiziki nk'iriya kugira ngo nibura mususuruke, abato muhaguruke, hein, mu... mu... mugatambe, mutambe mususuruke rwose. Si umuziki gusa tubafitiye n'amakuru, hein, tubafitiye n'inkuru zishyushye.

Hano rero mbafitiye ibaruwa, ibaruwa yaturutse mu buyobozi bwa Komine Kiyombe, iyo baruwa ikaba yohererejwe Bwana HIGIRO Yohani Mariya Viyani ubarizwa kuri ORINFOR hano i Kigali. Iti "Bwana, namenye ko usigaye uza rwihishwa, rwose abafite amaradiyo, abatwumva mwegere amaradiyo yanyu cyangwa se mwongere volume ariko mutege amatwi rwose mwumve iyi baruwa yohererejwe Bwana HIGIRO Yohani Mariya Viyani ubarizwa kuri Ori... ORINFOR hano i Kigali. Iyo baruwa iteye itya rero :

" Bwana, namenye ko usigaye uza rwihishwa mu nkambi y'abakuwe mu byabo n'intambara ba Komine Kiyombe i Bugarura, ukihererana abaturage rubanda rugufi ubashuka ngo basubire iwabo i Kiyombe kandi uzi neza ko hafashwe n'Inkotanyi ari na zo bahunze zikaba zitarahava. Urugero rwa hafi ni uko ku wa gatandatu tariki ya cumi n'icyenda Gashyantare wahaje ukabwira abaturage ba Kiyombe ngo "batahe imirwano iramutse ibaye bakiri mu nkambi bagorwa", ngo "Président azaba yafashe indege yihungiye". Ese watwemeza ko muri ako karere hari umutekano ? Ese uzabagaburira ni nde? Uzabavura se ni nde? Uretse kujya kwangara na none bashinyagurirwa kurushaho n'izo bahunze!

23.3

Ni kigaragaza ko ubashuka gusa ni uko so na nyoko bakubyara wabahungishirije kure, uzabanze ubasubize i Rushaki maze natwe tubonereho dutahe, uretse ko twe tuzasubirayo hakurikijwe gahunda yumvikanyweho na bose. Ndakumenyesha kandi ko umunyapolitike uwo ari we wese, ishyaka yaba arimo ryose atemerewe kuza mu nkambi gukoresha inama n'ubwo yaba iy'agatsiko gato atabisabiye uburenganzira mu butegetsi bwa Komine ngo bumenye icyo agamije. Wirinde rero gushinyagura ari nta cyo uzaniye abaturage.

Mboneyeho gusaba amaradiyo yose, Radiyo Rwanda uhagarariye na Radiyo yigenga RTLM kudufasha kwamagana abanyapolitike bagenda babebera bihisha bagamije kuyobya abaturage babaroha babireba kuko uzabikora abat... kuko uzabikora abaturage ari bo bazamwihanira. Agapfa kaburiwe ni impongo".

Bimenyeshejwe Nyakubahwa Président wa Repubulika hano i Kigali. Bwana Ministre w'Intebe hano i Kigali, Bwana Préfet wa Prefegitura ya Byumba. Bwana Sous-préfet wa Sous-prefegitura ya Ngarama, Bwana mujyanama wa segiteri bose, ndetse Radiyo Rwanda na RTLM, hum! Hariho rwose n'umukono, n'umukono w'uwohereje ino baruwa. Mubitekerezeho rero nanjye ndagenda nyitekerezeho, mu kanya ndagaruka numve ko duhuriye ku bitekerezo e... tuba dufite. Hagati aho reka dukomeze twumva umuzika twabateguriye. (Musique).

Mukomeje kumva Radiyo RTLM ivugira hano i Kigali, iyo ndirimbo nayumvise ni iya BIKINDI Simoni mbwira abumva. Iyo ndirimbo rero nyituye nkurikije ibaruwa maze kubasomera nyituye ku buryo bw'umwihariko uwitwa HIGIRO Yohani Mariya Viani ubarizwa kuri Orinfor ndetse n'abo bari kumwe mu bitekerezo n'abitwara kuriya. Ngaho nayumve n'abo bose mvuze. (Chanson de BIKINDI: Mbwira abumva).

Orateur : NKOMATI.

Mukomeje kumva Radiyo RTLM ivugira hano i Kigali, iyo ndirimbo mwayimvise ni iya BIKINDI Simoni: Mbwira abumva.

Iyo ndirimbo rero, nkurikije ibaruwa maze kubasomera nyituye ku buryo bw'umwihariko uwitwa

Yohani Mariya Viyani ubarizwa kuri ORINFOR ndetse n'abo bari kumwe mu bitekerezo n'abitwara kuriya. Ngaho rero nayumve n'abo bose mvuze.

Orateur : BEMERIKI.
Muri aka kanya rero muri kumwe na BEMERIKI Valeriya n'ubwo bwose itumba risa nk'aho (sourire) rishobora kuba ryakomeye , ariko nakoze uko nshoboye ngerageza kuzenguruka uyu mujyi kugenda mbaza abantu bamwe na bamwe, mbabaza ku kibazo ntabwo ari n'ikibazo ariko ni ibyo twumvise uyu munsi Abanyarwanda mwese mwumvise mu iki gitondo ko ejo hashize habaye inama mu biro bya Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata.

30.0
Iyo nama ikaba yari ihuriwemo n'Abaministre b'intebe bombi: Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini na Madame UWILINGIYIMANA Agata, iyo nama kandi ikaba yaririmo abahagarariye umuryango wa FPR, ishyaka PSD rikaba ryari rihagarariwe na Président waryo Bwana NZAMURAMBAHO Frederiko, ishyaka PL nk'uko twabyumvuse ngo ryari rihagarariwe na Bwana NDASINGWA Landuari bahise bavuga ko ari premier vice-président wa mbere wa PL, naho MDR bemeza ko ndetse bo banavuze ko ari MDR-Power nkurikije ibyo umunyamakuru wa Radiyo Rwanda we yavuze yavuze ko ari MDR-Power yari ihagarariwe na président wa PL wayo Bwana... na Président wa MDR wayo Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini. PDC rero yo yari ihagarariwe na Président wayo Bwana NAYINZIRA e... Nepomuscène. TWAGIRAMUNGU rero yatumenyesheje ko muri iriya nama hemejwe ko ishyaka PL rigomba kutajya mu nzego z'Inzibacyuho Yaguye kugeza igihe rizakemurira ibibazo byaryo.

Iriya nama rero nk'uko nashoboye kubyumva abantu benshi barayibazaho byinshi . Bamwe baragira bati "ese mama iriya nama yateranye muri uruhe rwego? Yageze kuki se cyagirira Abanyarwanda akamaro? Niba se yateranye ari mu rwego rw'amashyaka agomba kujya mu nzego z'Inzibacyuho Yaguye dore ko na FPR yari irimo, kuki andi mashyaka agomba kuzijyamo yahejwe ntatumirwe muri iriya nama". Tumaze kumenya ndetse ko za komite directeur z'amashyaka amwe yari... yari ari muri iyo nama zitari zinazi ko iyo nama igomba kubaho. Aya mashyaka ni nka MDR, PL, ndetse na PDC.

Ikindi ni uko ibintu bigenda birushaho kwigaragaza kuko bigaragara ko mu gihugu hari ibipande bibiri . Hakaba hari igipande kigizwe n'amashyaka yiyemeje gukorana na FPR ndetse akaba byo... yo abikora rwose ku mugaragaro. Ikindi tutakwibagirwa ni uko mu mya...

( FIN DE LA FACE B).